KURAŻIKUBONE
YOZEFU

1 dc

4 p

Lettre

1958

Kigali, kuwa 10 Ukuboza 1989

Milita BUCICIRA Philippe
Segiteri MUKOMA
GAFUNZO
B.P. 28 CYANGUGU

V/Réf. : Ibaruwa yanyu yo kuwa 7/9/1989
N/Réf. : 419/JK/jk

IMPAMVU : Gusaba inkunga

Milita,

Ibaruwa yawe yo kuwa 7 Nzeli 1989 isaba inkunga yangezeho. Nagirango nkumenyeshe ko umushinga "Micro-réalisations" ukorana n'abafite imishinga mito mito y'ubukorikori. Ni ukuvuga ko ibyerekeranye n'ubwubatsi n'ibindi bijyana n'amazu, umushinga "Micro-réalisations" utabikora. Byaba byiza ubigejeje ku ma banki, nka Banki y'abaturage.

Mugire amahoro.

KURAZIKUBONE Yozefu
Umuhuza w'Ibikorwa by'Umushinga
mu rwego rw'Igihugu

# PROJET "MICRO-REALISATIONS"
# MESSAGE

Date 14.12.89 Heure ..........

Pour Gakusi

De Bony Tél. : ..........

le promoteur de Gafunzo demande un financement pr achat du matériel et pr la construction d'un studio photo ! Qu'est-ce que vous en pensez ?

BUCICIRA Philippe
Photographe
SEGITERI MUKOMA
KOMINI GAFUNZO
B.P. 28 CYANGUGU

Mukoma,kuwa 07/09/1989

IN / OUT 02 Oct. 1989
N° 138
gafunzo / Cya
8/10/89

Nyakubahwa Umuhuza w'Ibikorwa by'Umushinga mu rwego rw'Igihugu
MICROREALISATION
C/O MIJEUMA
K I G A L I .-

Nyakubahwa Umuhuza w'Umushinga,

Nkurikije urwandiko rwanjye rwo kuwa 12/04/1989 nabandikiye nsubiza urwandiko rwanyu mwari mwanyandikiye kuwa 15/03/1989,

Nk'uko mwansabaga kubasobanurira inkunga nakenera mu gufatora nkaba nari nabagejejeho ibyo nari nkeneye kugira ngo ntangire gufotora,

Mbandikiye mbamenyesha ko ku nyemeko y'uru rwandiko mbohereje kopi y'urwandiko nari nabandikiye mbasobanurira ibyo nkeneye kugira ngo nkore neza umurimo niyemeje wo gufotora.

Mugira amahoro.

BUCICIRA Philippe.- [signature]

BUCICIRA Philippe
Photographe
SEGITERI MUKOMA
KOMINI GAFUNZO
B.P. 28 CYANGUGU

Mukoma,kuwa 12/04/1989

Nyakubahwa Umuhuza w'Ibikorwa by'
Umushinga mu rwego rw'Igihugu
K I G A L I .

Nyakubahwa Umuhuza w'Umushinga,

Nkurikije urwandiko rwanyu N/Réf. 228/JK/mn rwo kuwa 15 Werurwe 1989 mwanyandikiye munsaba kubamenyesha agaciro k'inkunga nsaba ko muntera,

Mbandikiye mbagezaho agaciro k'inkunga mbasaba arizo zikurikira:

-Mu rwandiko rwanjye nabandikiye kuwa 26/01/1989 nabasabaga ko mwantera inkunga mu kubona agrandisseur y'amafoto n'inzu ye gufotoreramo no kogerezamo,nkaba narasanze agaciro kabyo ari aka:

-Agrandisseur nshaka ni ishobora guhanagura amafilimi y'amoko ane:

* Film N° 110
* Film N° 120
* Film N°126
* Film N° 135

Ibikoresho bya agrandisseur ni ibi bikurikira:

| | |
|---|---|
| -Agrandisseur yo guhanagura | :140.000F |
| -Séchoir yo kumutsa amafoto | : 25.000F |
| -Cuve yo gukora développement | : 3.000F |
| -Amasahani 4 yo gushyiraho imiti | : 600F |
| -Appareil 2 zo gukora kuri Studio | : 60.000F |
| -Comptoir 1 ifite ububiko | : 6.000F |
| -Ameza 2 amwe muriyo afite tiroir | : 3.000F |
| -Amapaki 4 ya za films" | : 18.000F |
| -Fixateur na Révérateur amapaki 40 | : 8.000F |
| -Amapaki 4 y'impapuro nini | : 20.000F |
| -Installation y'amatara | : 10.000F |
| -Imyenda yo gukinga kuri chambre noire kimwe n'iyo gufotoreraho | : 2.000F |
| Yose hamwe | 295.600F |

Ayo mafranga ashobora kugabanuka ibintu bimwe muri ibyo biguriwe i Kigali.

Ubwubatsi bw'inzu nasanze bwatwara amafranga 160.000F.

Mu gihe ngitegereje igisubizo cyanyu cyiza kuri uru rwandiko,mbaye mbashimiye.

Mugire amahoro.

BUCICIRA Philippe

UMUSHINGA "MICRO-REALISATIONS"
RWA/87/004
c/o MIJEUMA
B.P. 1044
KIGALI

Kigali, kuwa 15 Werurwe 1989

Bwana BUCICIRA Philippe
MUKOMA - GAFUNZO
B.P. 28
CYANGUGU

N/Réf. : 228/JK/mn.

Impamvu : Inkunga yo gufotora

Bwana Bucicira,

Ibaruwa yawe yo kuwa 26 Mutarama 1989 isaba inkunga yo kubona agrandisseur yo guhanagura amafoto kimwe n'iyo kubaka studio yatugezeho. Maze kuyisuzuma mbonye ari ngombwa kukugezaho ibi bikurikira :

Uretse ko n'umushinga w'ubwubatsi utari mu yo dukorana, byarushaho no kuba byiza tumenye agaciro k'inkunga wifuza kugirango tubone aho duhera twiga ikibazo cyawe.

Mugire amahoro.

Yozefu KURAZIKUBONE

Umuhuza w'ibikorwa by'umushinga
mu rwego rw'igihugu